**TTB KIN 1285**

**TUMENYE BIBILIYA**

**IKIGANIRO: 1285**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. Kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Ubushize, nakubwiye ibyerekeranye kugaruka kwa Kristo mu isi n'uko intambara ya Armagedoni izarangira.

Uyu munsi, ndakubwira ibyerekeranye n'ingoma y'imyaka igihumbi

# IGICE CYA 20

***ISOMO:*** *Ingoma y'Imyaka Igihumbi*

**M**u gice cya makumyabiri cy'Ibyahishuwe havugwamo ibyerekeye ingoma y'imyaka igihumbi ifitanye isano na Kristo, Satani, umuntu, abera bo mu gihe cy'amakuba akomeye imizuku, isi hamwe n'Intebe nini Yera. Nyamara, abantu benshi mu gihe cyashize batekereje ko igice cya 20 cy'Ibyahishuwe kitari ingenzi cyane kuko ingoma y'imyaka igihumbi ivugwa muri iki gice cy'Ibyanditswe honyine, ibyo rero byatumye benshi bashaka kuburizamo iki gice cya 20 cy'Ibyahishuwe. Ni ukuri ko ingoma y'imyaka igihumbi ivugwa muri iki gice gusa, kandi yitwa "*imyaka igihumbi*". Ntabwo ibi twabigiraho impaka kuko ijambo *Millennium* rituruka mu Kilatini rikaba risobanura "Igihumbi." Umuntu wizera ko hazabaho imyaka ushobora kuwita umu chiliast, kandi abo mu Itorero rya mbere bakoreshaga ijambo chiliasm, kuko mu Kigereki *chiliasm* nabyo bisobanura "igihumbi". Nizera ko dusobanukiwe neza ko aya magambo millennialism, chiliasm, n'ingoma y'imyaka igihumbi ya Kristo byose bisobanura kimwe.

Ibyahishuwe igice cya 20 kibonekamo nanone ibice byavuyemo amashuri atatu y'ingenzi avuga ibyerekeranye n'inyigisho yitwa eschatology yerekeranye n'ibihe by'imperuka:

Aba mbere ni abari mu ishuri ryitwa *Postmillennialism* aba bavuga ko Kristo azaza ku ndunduro y'imyaka igihumbi. Bakomeza bavuga ko umuntu ari we uzazana ubwami ku bwo

kubwiriza ubutumwa bwiza. Iki gitecyerezo cyagiye kigarukwaho uko ibinyejana byagiye bikurikirana. Aho abemera ibi bavuga ko hari igihe abantu benshi bo mu isi bazahindukirira Kristo maze isi yose igakizwa. Iki gitecyerezo gisa n'icyataye igihe kuko kitashoboye guhama mu gice cya mbere cy'ikinyejana cya makumyabiri cyavuyemo intambara ebyiri z'isi, gusubira inyuma ku butegetsi bumwe bwo mu isi, kuvuka kwa politike ya communism, hamwe no guturika mu isi kwa bombe atoMika

Abakabiri ni abari mu ishuri ryitwa *Amillennialism* aba batagiye kuba benshi mu myaka yashize kandi bamaze kurenga abo mu gice cya postmillennialism. Akajambo kiyongereyeho ari ko *a*– ubwako gahakana ko hazabaho ingoma y'imyaka igihumbi. Abari muri iri shuri rya Amillennialism ntibari mu buyobe cyane kuko igice kinini bashimangira ko Kristo azagaruka. Ariko intege nke zabo zibonekera mu kuba bemera ko iyi ngoma y'imyaka igihumbi izabaho mu buryo bw'umwuka gusa atari ingoma ya nyayo, uko kandi ni nako bafata igitabo cyose cy'Ibyahishuwe bakacyemera mu buryo bw'Umwuka gusa, ntibemere ko ari n'ibintu nyabyo bizabaho. Dr. B. B. Warfield we avuga ko ingoma y'imyaka igihumbi ngo izabera mu ijuru mu gihe mu isi izaba iri mu gihe cy'ibyago bikomeye. Ariko jyewe nemera ko mu ijuru hahora ingoma y'imyaka igihumbi ihoraho iteka ryose, aho kuba imyaka igihumbi gusa. Benshi mu batemera ingoma y'imyaka igihumbi bavuga ko iyo ngoma twamaze kuyegeramo, bakemeza ko ari iki gihe turimo, bakomeza nanone bavuga ko ibihe byose bivugwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe bikubiye hamwe mu kuri kw'amateka isi yagiye inyuramo. Mu by'ukuri, ntekereza ko byinshi abo muri iri shuri rya *Amillennialism* bavuga ari bimwe.

Abantu ba gatatu ni aboo mu ishuri ryitwa *Premillennialisms,* aba batandukanye n'aba mbere kuko baha agaciro ibivugwa mu Ibyahishuwe 20, ndetse bakemera ibintu byose bivugwa mu Ibyahishuwe nk'uko byanditswe. Reka ngaruke ku rugero twatanze mu Ibyahishuwe igice cya 19 ahavuga ko igihe Umwami Yesu azaza, mu kanwa ke hazaturuka inkota ityaye (ibyo wabisoma mu Ibyahishuwe 19:15). Ese ibi bisobanura ko ari nkota nyayo izaturuka mu kanwa ke? Njyewe nizera ko Ibyanditswe bibisobanura neza ko inkota ari Ijambo ry'Imana. Pawulo yaranditse aravuga ngo, "Mwakire … n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana" (Abefeso 6:17). Hamwe n'iri bwirizwa ryiza, simbona impamvu tudashobora gusobanukirwa ibyo Yohana yariho avuga, ariko nshuti yanjye ubusobanuro bwawe ugomba kubuhuza n'Ibyanditswe. Ntugomba

gusobanura mu buryo bw'Umwuka Ibyanditswe nk'uko wishakiye, nubwo ariko bisigaye bimeze uyu munsi. Mu busobanuro bw'abari muri iki cyiciro cyitwa premillennialist imyaka igihumbi ifatwa nk'imyaka igihumbi nyine, kandi bakemeza ko Kristo azaza mu ntangiriro y'imyaka igihumbi. Ibyahishuwe igice cya 20 gisobanura neza ko nta gihe cy'imyaka igihumbi kizabaho Kristo ataraza.

Mu mirongo icyenda ya mbere y'iki gice, tubona ijambo imyaka igihumbi rigaruka inshuro esheshatu. Ni byiza cyane kandi ni ingenzi ko dushimangira ibi ngibi. Itorero rya mbere ryemeraga icyo bitaga chiliasm, ari yo myizerere y'ingoma y'imyaka igihumbi ya Kristo. Abahakanaga iyo myizerere bafatwaga nk'abahakanyi. Nyuma yaho hadutuse inyigisho zivuga ko ingoma y'imyaka igihumbi izashyirwaho n'Itorero. Ko Itorero rizahindura isi kuba nziza, maze Yesu akabona kuza asanga ibintu byose bimeze neza kandi biri ku murongo. Ariko uko si ko iki gice cya 20 cy'Ibyahishuwe kibivuga. Kuko Kristo azaza guca urubanza, niba rero ibintu byose bizaba biri ku murongo bimeze neza, Kristo nawe ntiyarinda acira urubanza abamwigometseho.

Nta gihe kinini gishize aho abantu benshi bemeje ko Itorero ngo rizubaka ubwami bw'imyaka igihumbi hano mu isi. Mu mwaka wa 1883 umugabo witwa Justin A. Smith, yavuze aya magambo agira ati:

Ariko ku rundi ruhande, Ubukristo ni mbaraga ki mu gihe byose byamaze kuvugwa. Birashoboka se ko izi mbaraga zifite umuvuduko wo gufata isi, zishobora kugabanya ubugoryi bwakwiye mu isi nk'uko abemera ingoma y'imyaka igihumbi babihanuye?

Bamwe muri twebwe bemera iby'ingoma y'imyaka igihumbi ntitwari kugirirwa icyizere muri icyo ihe cy'umwaka wa 1883 kuko tuvuga ko isi izinjira mu bihe bibi cyane kandi ko no mu Itorero hazabaho ubuhakanyi. Uyu mugabo Justin A. Smith ntiyemeraga ibyo, ni nacyo gituma yakomeje agira ati:

Byavuzwe ko mu myaka makumyabiri n'itanu iri imbere, niba isi ikomeje kubaho, ngo buhinde buzagira abakristo benshi nk'uko bimeze mu Bwongereza bwa kino gih. Kandi mu Bushinwa hakazabaho miliyoni mirongo itatu z'abakristo, ndetse ko n'Ubuyapani abaturage baho bose bazakizwa nk'uko bimeze uri America ya kino gihe. Iyo myizerere ishaje batubwira, ni nk'ubuki abakristo bakomeje gukoresha ngo bigarurire isi. Nyamara biboneka ko hari umunsi ugiye kuza,

iyo mitegekere igashyirwaho iherezo. Hagati aho kandi intwaro yose izahangara kurwanya abakristo izavunikira mu biganza by'uyifasha. Kuko ukuboko kw'iburyo guhora kumuhesha intsinzi.

Ariko reba ku Bwongereza bw'iki gihe, urugero—ni bubi nk'Ubuhinde. Mu bihe bya kera bwavugaga iby'ukuri ariko uyu munsi ntabwo ari ko bimeze.

Mu gitabo yise *The Problems of Evil,* umwanditsi yagize ati:

Iterambere ry'imico y'i Burayi cyangwa se mu mvugo y'inkomoko yaryo izwi nk'iterambere ry'imico ya gikristo, riboneka ko rishoza urugamba mu isi. Kandi gutsinda rizatsinda nta kabuza, kuko byose bizaterwa n'uko ibihe bizagenda bisimburanwa.

Nyamara hariho bake babishidikanyaho uyu munsi. Mu by'ukuri iterambere ry'imico y'I Burayi, cyangwa se iterambere ry'imico ya gikristo riri gukendera kandi mu buryo bwagutse ryamaze kugwa.

Aba bantu bose bapfobya igice cya makumyabiri cy'Ibyahishuwe. Nasanze Dr. B. B. Warfield ari umwe mu bahanga babayeho muri iki kinyejana, kandi hariho inyigisho zimwe ze nemera, ariko avuga ko nta cyanditswe kivuga kuri iki gihe cyerekana imyaka igihumbi izaba mu isi aho avuga ngo: "Ibyahishuwe 20 ari agace k'Ibyanditswe kijimye." Nanone kandi ntiyita ku bivugwa mu Isezerano rya Kera byose aho Imana yashyizeho isezerano, ikavuga ko izashinga ubwami bwayo hano mu isi bukazashyirwaho n'umwe mu bazakomoka mu muryango wa Dawidi.

Mu myaka myinshi yashize Dr. Rothe yaravuze ngo:

Urufunguzo rwacu ntabwo rufungura. Urufunguzo nyarwo rwaratakaye. Ntituzigera dutsinda kugeza igihe tuzarubonera. Gahunda ya Bibiliya ntabwo ihura n'iyo mu mashuri na gato.

Mu kuvugana n'umunyeshuri wasomye igitabo kivuga ku ngoma y'imyaka igihumbi cyangwa se a premillennial book, Dr. R. L. Dabney, umutewolojiye wubahwaga mu gihe cya kera yaravuze ngo, "mu by'ukuri wa munyeshuri we ibyo uvuga ni ukuri. Kuko sinigeze nita kuri iyi ngingo." Dr. R. L. Dabney yari umuhanga ukomeye ariko yemera mu by'ukuri ko atigeze yiga ubwo buhanuzi!

Nyakwigendera Dr. Charles Hodge, wanditse ibitabo byamenyekanye cyane bivuga kuri Tewolojiya (iyo ni nayo Tewolojiya nanjye nize nkiri ku ishuri), mu by'ukuri iyi nyigisho ya eschatology ivuga ibyerekeranye n'imperuka ntabwo byari mu gasaho ke—ariko ibyo ntiyabivuze muri ubwo buryo:

Iyi ngingo ntishobora gusobanuka utabanje gukora ubushakashatsi ku nyigisho yose y'ubuhanuzi bw'Ibyanditswe, bwaba ubwo mu Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. Uyu murimo ntawe ushobora kuwusohoza keretse uwafashe umwanya akiga ubuhanuzi mu buryo bwihariye. Umwanditsi yari azi neza ko adasobanukiwe iby'uwo murimo, maze yigira inama yo kwiherera agakora ubushakashatsi ku mateka n'ubuhanuzi bw'Ibyanditswe bijyanye n'iyi ngingo.

Uyu munsi, ibi byose byarahindutse. Ni ingenzi cyane kwiga ubuhanuzi, byakabaye byiza abantu bose babaye abanyakuri nka Dr. Hodge washoboye kuvuga ngo, "ntabwo nigeze niga ibyerekeranye n'iyi ngingo nk'uko nagombaga kubikora." Nyamara ikibabaje ni uko abantu benshi muri iki gihe bavuga iby'ubuhanuzi kandi batarabwize. Iyi ni ingingo y'ingenzi cyane. Dr. Vernon McGee nawe avuga ko adafite ubumenyi buhagije kuri iyi ngingo, nubwo yabyize igihe kingana n'imyaka mirongo ine ariko kandi ngo ni ingingo yitayeho cyane, kabone no mu myaka yashize ubwo iyi ngingo y'ubuhanuzi itahabwaga agaciro. Ariko ntekereza ko uyu munsi biteye ubwoba cyane aho abantu benshi bahangara no kwishyiriraho amataliki y'igihe Itorero rizazamurwa. Njyewe nemera ko Itorero rizazamurwa ku munsi utazwi. Bishobora kuba ejo, cyangwa ntibibe ejo. Tugomba kumenya ko igihe turimo tutahawe amataliki, ariko imyiteguro y'ibihe by'iherezo yo turayibona. Ntabwo nzi icyo Imana itekereza ko hazaza, ariko nizera ko iri gushyira ibintu ku murongo.

Mu by'ukuri, ntekereza ko mbarirwa mu cyiciro cy'abemera ingoma y'imyaka igihumbi kandi nkaba nemera ko Itorero rizazamurwa mbere y'uko ibyago bikomeye bibaho mu isi, ni nacyo gituma nemera ibyo Yohana ariho yigisha hano. Niba utemeranya nanjye, ariko ukemera bimwe muri ibi bitekerezo natanze haruguru uri mu nzira nziza. Abantu benshi twari tuziranye ntitwumvaga kimwe ibyerekeranye n'iyi ngingo, ariko niba ukeneye kumenya ukuri ndagusaba kugendana nanjye!

Ubwa mbere, nta ngoma y'imyaka igihumbi izabaho Satani atabanje gukurwa mu isi. Ntabwo ushobora kubaho neza hano keretse gusa Satani akuwe mu isi.

Icya kabiri, umuvumo w'icyaha ugomba gukurwa mu isi mbere yuko ingoma y'imyaka igihumbi iba mu isi. Ibyanditswe bihanura ko ubutayu buzarabya indabo z'amaroza. Ariko uyu munsi, umuvumo w'icyaha nturakurwa mu isi.

Icya gatatu, abera bo mu isezerano rya kera bazabanza bazuke mbere y'uko ingoma y'imyaka itangira. Bishoboka ko bazuka mbere y'igihe cy'ibyago bikomeye, bivuze ko bashikama kandi bagategereza ingoma y'imyaka igihumb. Ariko nta mpamvu ko bigenda bityo, kandi Umwami Yesu ntazabazura igihe cy'amakuba akomeye kitararangira. Daniyeli yabisobanuye neza aho yavuze ngo: "Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa. Kandi benshi bo muri bo bazaba barasinziriye mu gitaka bazakanguka, bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho, abandi bazakangukira gukorwa n'isoni no gusuzugurwa iteka ryose." (Daniyeli 12:1–2). Ubu buhanuzi buvuga kuri Israeli. Nyuma y'igihe cy'ibyago bikomeye hazakurikiraho kuzuka kw'abera bo mu isezerano rya kera (ibyo wabisoma muri Yesaya 25:8–9). Kristo wenyine ni we uzazura abapfuye (ibyo wabisoma muri Yohana 5:21, 25, 28–29), ni uko rero agomba kuzaza ku bw'iyo ntego.

Icya kane, abera bo mu gihe cy'amakuba akomeye bazazukira hamwe n'abera bo mu isezerano rya kera, maze bazimane na Kristo ingoma y'imyaka igihumbi.

Nyuma, igihe cy'imyaka igihumbi kizaba igihe aho umuntu azishimira ibyiza mu buryo bitazongera kubaho. Iki ni igisubizo ku bantu bavuga ko nta kibazo kiri mu muntu. Ariko nshuti yanjye, ndakumenyesha ko umuntu arwaye indwara idakira, umuntu ni umunyabyaha udakosoreka. Kuko no ku mpera y'ingoma y'imyaka igihumbi, umuntu azakomeza kwigomeka ku Mana. Ukwigomeka k'umutima w'umuntu na kamere ye yanduye ntawabasha kubisobanukirwa. Niba jye nawe dushobora kwireba nk'uko Imana itureba, ntitwabasha guhagarara ku bwacu. Nyamara dutekereza ko turi beza, ko turi abantu beza—mbese ntituri bo? Igihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi kizaba ikigeragezo cya nyuma ku muntu mbere y'uko tugera mu gihe cy'iteka ryose.

Igihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi ni igisubio cy'Imana ku isengesho rivuga ngo, "ubwami bwawe buze." Iyo dusenze isengesho dukunda kwibeshyaho tuvuga ko ari iry'Umwami,

turavuga ngo, “Ubwami bwawe buze … ibyo ushaka bibe mu isi nk’uko biba mu ijuru” (nk’uko byanditse muri Matayo 6:10). Ubwami buvugwa hano ni ubwami Kristo azashinga hano mu isi, ari bwo bwitwa ingoma y’imyaka igihumbi. Ubu ni ubwami bwasezeranijwe Dawidi (ibyo wabisoma muri 2 Samweli 7:12–17; 23:5). Imana yarirahiye ko izashinga ubwami bwayo mu isi (ibyo wabisoma muri Zaburi 89:34–37). Ubu ni ubwami bwahanuwe muri za Zaburi no mu buhanuzi (ibi wabisoma muri Zaburi 2; 45; 110; Yesaya 2:1–5; 11:1–9; 60; 61:3–62; 66; Yeremiya 23:3–8; 32:37–44; Ezekiyeli 40–48; Daniyeli 2:44–45; 7:13–14; 12:2–3; Mika 4:1–8; Zekariya 12:10–14:21). Abahanuzi bose bavuze iby’ubu bwami, baba abahanuzi bato, n’abahanuzi bakuru—nta n’umwe muri bo utarabuvuze. Aba ni bamwe mu Byanditswe bavuze ibyerekeye ubwami bw’Imana, iyi ngingo kandi ikaba ari yo nyamukuru mu buhanuzi bwose bwo mu Isezerano rya Kera. Ubu ni ubwami, ubwami bw’Imana, buzaza hano mu isi.

## SATANI AFUNGIRANYWA IMYAKA IGIHUMBI

Imirongo ifungura igice cya 20 cy’Ibyahishuwe ivuga ibizabanziriza ingoma y’imyaka igihumbi.

**Mbona marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze.**

**Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi,**

**akijugunya ikuzimu arahakinga, ashyiriraho ikimenyetso gifatanya, kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira, icyakora nishira gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito. [Ibyahishuwe 20:1–3].**

Reka ntange ubusobanuro bwanjye kuri uyu murongo:

*Mbona marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, akijugunya ikuzimu arahakinga, ashyiriraho ikimenyetso gifatanya, kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira, icyakora nishira gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito.*

Ngira ngo urabibona ko ijambo imyaka igihumbi rivugwa inshuro ebyiri muri iyi mirongo kuva ku murongo wa 1–3; kandi mu gice cya 20, iri jambo rikavugwa inshuro esheshatu. Ni ukuri ko ijambo ingoma y'imyaka igihumbi riboneka gusa mu gice kimwe, ariko Imana yaryerekanye inshuro esheshatu. Ni inshuro zingahe Imana igomba kuvuga ikintu mbere y'uko cyemerwa nk'ukuri? Iri jambo igihe cy'imyaka igihumbi Imana yarivuze kenshi kurusha n'izindi ngingo abantu bavugaho cyane kandi batekereza ko ari ingenzi bitewe n'uko zivugwa inshuro imwe cyangwa ebyiri mu gice runaka. Iyi ngingo y'imyaka igihumbi ivugwa inshuro esheshatu, kandi hano bifitanye isano na Satani.

Hariho bamwe batandukanya iyi ngingo n'igihe cy'imyaka igihumbi, bakavuga ko iki kizaba ari igihe cy'indunduro y'umujinya w'Imana. Aho berekana ko kuvanwa mu isi kwa Satani bizahindura ibihe, aho umwijima uzahinduka umucyo. Satani ni we mana y'ibihe biri kubera mu isi; ni we mutware w'ikirere, kandi impinduka zose zibera mu isi ni we uzitegeka—afite bwenge bwinshi buruta ubwa mudasobwa. Kuvanwa mu isi kwe ni byo bizashyiraho ingoma y'imyaka igihumbi, kuko abohowe muri icyo gihe, ingoma y'imyaka igihumbi ntiyabaho. Nuko rero tubona ko isano Satani afitanye n'ingoma y'imyaka igihumbi ari iri: agomba kuzavanwa mu isi mbere y'uko ingoma y'imyaka igihumbi igera. Abantu bakunda kuvuga ibyerekeye no kuzana amahoro mu isi, ibyerekeye iterambere n'ubukungu n'ibindi bisa nka byo. Imitegekere y'isi izabanza iyoborwe na Antikristo ariko ntazabasha kuzana amahoro n'iterambere, nubwo mu gihe gito azabikora ariko ntibizaramba. Ariko nshuti yanjye, igihe cyose Satani akiri mu isi, ntabwo uzigera ubaho neza hano mu isi. Ushobora kugira imibereho myiza ariko idahamye.
"Mbona marayika amanuka…. Afata cya kiyoka"—Imbaraga za Satani zizashira kuko marayika usanzwe azamuboha kandi amufata bunyago (ibyo wabisoma muri Yuda 9; Ibyahishuwe 12:7–9).

"Ikuzimu" iri ni ryo jambo ryiza risobanura ibohero kurusha kuvuga "umwobo muremure." Iri jambo hano ntabwo risobanura inyanja yaka umuriro, nk'uko tuzabibona mu Ibyahishuwe 20:10.

"Icyakora nishira gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito" iri ni ijambo ridashimisha abantu riri mu Ibyanditswe. Kuki Satani azabohorwa nyuma y'uko Imana ibanje kumubohera mu minyururu y'ikuzimu? Dr. Lewis Sperry Chafer yasubije iki kibazo agira ati:

“niba ushobora kumbwira impamvu Imana yemeye ko Satani abaho uyu munsi yidegembya, nanjye nshobora kukubwira impamvu Imana izemera ko Satani abohorwa ku nshuro ya kabiri.” Kuki Imana izemera ko Satani abohorwa? Imana ibifitemo umugambi ukomeye. Iki ni ikibazo gikomeye cy’umwanzi: Kuki Imana izabyemera? Njyewe nemera ko Imana iri gukorera mu mugambi ukomeye kandi mwiza kandi uwo mugambi ni amayobera y’Imana atarahishurwa. Ariko umunsi umwe azahishurwa, gusa icyo Imana idusaba gukora gusa ni ukugendera mu kwizera. Tugomba kwizera Imana kandi tukamenya ko ibyo ikora byose ari ukuri.

McGee avuga ko hari umunsi yibuka, igihe se yamutemberezaga ku ifarashi. Nuko ngo haza umuyaga mwinshi bimutera ubwoba kuko McGee yari akiri umuhungu muto. Ngo uwo muyaga wari mwinshi cyane, ariko McGee yibuka ko se yamushyizeho akaboko maze aramubwira ngo, “muhugu wanjye, ugomba kunyizera.” McGee nawe avuga ko yahigimye gusa hanyuma aramwizera, nuko babasha kunyura muri wa muyaga mwinshi. Se wa McGee yitabye Imana—kandi apfa afite imyaka cumi n’ine. McGee avuga ko yabayeho igihe kinini adafite se mu buryo bw’umubiri, ariko ngo yaje kugira undi Se wo mu ijuru bazahorana iteka ryose kandi washoboye kumwambukana mu miraba yose y’ubu buzima. Muri ibi bibazo byose duhura nabyo mu Ibyanditswe, nifuzaga kuba naguha ibisubizo ariko ntabyo mfite—ni uko rero reka twembi twiringire Imana.

Nigeze gusoma igitabo kivuga ku kibazo cy’Umwanzi. Igihe nakirangizaga, nakomeje kugira ikibazo ku mwanzi—umwanditsi ntiyigeze asubiza icyo kibazo. Byamufashe amapaji Magana abiri kugira ngo avuge ibyo nakavuze mu nteruro imwe: ntabwo nzi igisubizo cy’Umwanzi. Ariko nshuti yanjye, hari umunsi tuzamenya igisubizo nitugendera mu kwizera.

Imana izaboha Satani mu gihe cy’imyaka igihumbi kuko iyo myaka igihumbi y’amahoro idashobora kuzabaho Satani akiri mu isi.

## ABERA BO MU GIHE CY’IBYAGO BIKOMEYE BIMANA NA KRISTO MU GIHE CY’IMYAKA IGIHUMBI

**Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya**

**nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi.**

**Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira.**

**Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na yo iyo myaka igihumbi. [Ibyahishuwe 20:4–6].**

*Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na yo iyo myaka igihumbi..*

Mu gihe cy’ibyago bikomeye, benshi bazapfa bazira Kristo, ario bazongera babeho kandi bimane na Kristo ingoma y’imyaka igihumbi. Abera bo mu gihe cy’amakuba akomeye ibyo batakoze mu myaka itatu n’igice bazabikora mu myaka igihumbi. Navuga ko kizaba ari igihe cyabo cyo kwishima. Iyo myaka itatu n’igice izababera mibi cyane, ariko imyaka igihumbi izababera myiza—tekereza kubana no gutegekana na Kristo mu isi!

Ubu buhanuzi bumeze kimwe n’ubundi buhanuzi bwo mu Ibyanditswe, kuko muri 2 Petero 1:20 havuga ngo: “Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye,” ni ukuvuga ko udashobora gufata umurongo w’Ibyanditswe ngo uremememo imyizerere wishakiye; ahubwo ugomba kuwuhuza n’ibindi Byanditswe. Uyu murongo usobanuwe neza nk’uko bikwiye ubasha kumvikana, kandi ugakwira mu buhanuzi twakomeje gukurikirana. Kutabikora gutyo waba watandukiriye. Gufata imirongo yose y’Ibyanditswe ukayishyira mu mwuka aho kuyivuga uko iri, bitakaza ubusobanuro bw’iyo mirongo kandi bigapfobya ubusobanuro bw’Ibyanditswe byose.

Intebe batubwira hano ni intebe nyazo; abahowe Imana ni abahowe Imana nyabo; Yesu ni Yesu nyawe; Ijambo ry'Imana ni Ijambo ry'Imana nyaryo; Inyamaswa ni Inyamaswa nyayo; igishushanyo ni igishushanyo nyacyo; ikimenyetso cy'Inyamaswa ni ikimenyetso nyacyo; imyuka y'abaciwe ibihanga ni imyuka nyayo; n'imyaka igihumbi ni imyaka igihumbi nyayo. Ibivugwa hano byose ni ibintu bya nyabyo bizabaho. Imyaka igihumbi isobanura imyaka igihumbi. Iyo Imana ishaka kuvuga igihe cy'iteka ryose, ntekereza ko yari kubivuga. Iyo ishaka kuvuag imyaka magana atanu yari kuyivuga. Ese Imana ntibasha gusobanura neza ibyo ivuga? Cyane rwose irabibashije, ni uko rero niba yaravuze imyaka igihumbi, ni uko nyine yasobanuraga imyaka igihumbi.

Ijambo ry'Ikigiriki rivuga "umuzuko" ni *anastasei*, bisobanura "guhaguruka, cyangwa kuzuka k'umubiri." Biragoye cyane ko umwuka wahagarara ni yo mpamvu abashyira mu mwuka ibivugwa hano baba batakaje umurongo badatandukanye n'abatubwira ko umwuka wahagarara! Iri ni naryo jambo Pawulo yakoresheje mu 1 Abakorinto 15 avuga ku kuzuka kwa Kristo n'abizera.

"Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho" iyi ni imvugo idasobanutse nez. Abavugwa hano ni bande? Njyewe ntekereza ko arabazazuka bwa mbere, barimo abizera bo mu bihe byose.

Umuzuko wa mbere utangirana n'umuzuko wa Kristo. Maze ukazakurikirwa n'umuzuko w'abagize Itorero rya Kristo (mu gihe cyo kuzamurwa)—mbere y'igihe cy'amakuba akomeye (ibyo wabisoma mu Ibyahishuwe 4). Ku mpera y'igihe cy'amakuba akomeye hazabaho umuzuko w'abera bo muri icyo gihe cy'ibyago bikomeye ("imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo") hamwe n'abera bo mu isezerano rya kera (ibyo wabisoma muri Daniyeli 12:1–2). Iyi mizuko maze kuvuga ni nk'akarasisi. Kristo, Imfura yo kuzuka ni we uzayobora ako karasisi.

Byaba ari ibitekerezo biciriritse kwibwira ko igihe isi izaba irangiye, Yesu azaza maze abapfuye bakazurwa, maze ashyire abeza ku ruhande rumwe n'ababi ku rundi ruhande, nuko bose binjire mu gihe cy'iteka ryose, birangirire aho.

Nshuti yanjye, Imana ikurikira gahunda yayo ihamye; ifite gahunda kandi iyikurikirana neza cyane.

Abera bo mu gihe cy'ibyago bikomeye hamwe n'abera bo mu isezerano rya kera bazimana na Kristo. Nemera ko Dawidi azaba yungirije Kristo. Itorero, ari ryo Mugeni we rizaba muri Yerusalemu nshya aho rizimana na Kristo muri uwo mwanya mwiza cyane, uzaruta ahandi hose Imana yaremye. Kristo azahindura Yerusalemu ya kera kuba Yerusalemu nshya. Kandi ntekereza ko Itorero rizabasha gutembera riva mu ijuru riza mu isi cyangwa riva mu isi rijya mu ijuru.

Abisraeli benshi n'abanyamahanga benshi bazinjira muri ubwo bwami bw'imyaka igihumbi bambaye umubiri usanzwe, badapfuye. Abo ni ukuvuga abazavuka mu gihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi, n'abazageragezwa mu gihe cy'imyaka igihumbi. Kuko Kristo azaba yambaye umubiri w'ubwiza ari kumwe n'intumwa ze n'abigishwa be, nuko Itorero naryo rizaa ryambaye umubiri w'ubwiza rizabane n'abera bambaye umubiri usanzwe hano mu isi. Kubera umubiri w'ubwiza abagize Itorero bazabasha kugenda aho bashaka mu isanzure ry'ijuru. Iyo izaba ari inshro yanjye ya mbere ntembera mu isanzure ry'ijuru. Kandi nshuti yanjye ibi nabikwizeza ko ari ukuri. Imbaraga zikurura umuntu akaguma ku butaka zizwi nka Gravitation mu ndimi z'amahanga ntabwo zizongera kumbuza kuvana ibirenge byanjye ku butaka.

"Bazaba abatambyi b'Imana" abavugwa hano ni igihugu cya Israeli. Kandi iyi ni yo yari intego nyayo y'Imana kuri Israeli, kuko Ibyanditswe bivuga ngo: "kandi muzambera ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera.' Ayo abe ari yo magambo ubwira Abisirayeli." (Kuva 19:6). Aburahamu yari umutambyi mu uryango we. Lewi yari umutambyi mu muryango we, Aroni yabaye umutambyi mukuru mu miryango yose ya Israeli. Ku ngoma y'Imana hano mu isi, igihugu cya Israeli kizaba abatambyi b'Imana.

Mu Ibyanditswe harimo ubuhanuzi bwinshi buvuga ku ngoma y'imyaka igihumbi kurusha ikindi gihe. Iyi ngoma ni yo yari insanganyamatsiko y'abahanuzi bo mu isezerano rya kera. Ntabwo nzi ukundi kuntu wabisobanura. Muri iki gihe twumva bike byerekeranye n'abahanuzi bato. Hari umutuzo cyane, no guceceka bidasanzwe ku nyigisho yose igendanye n'abahanuzi bato, nyamara abo bose bahanuraga ingoma y'imyaka igihumbi, ari bwo bwami bugomba kwima mu isi.

**Incamake**

Ingoma y'imyaka igihumbi isobanurwa bitandukanye. Hari abizera ko izabaho, n'abandi batizera ko izabaho, hari n'abavuga ko tuyirimo. Ariko iyi ngoma y'imyaka igihumbi ntishobora kubaho Satani akidegembya mu isi.

**Isengesho**

*Mana mfashe uyu mwanya ngushimira ko hari ibihe byiza wateguriye abakwemeye bose. Ariko kandi nsengera abatarakwemera kugira ngo uyu ubabere umwanya mwiza wo kubikora kugira no nabo bazanezerererwe ibihe byiza witeguriye abagukunda. Mbisenze mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, amen!*

Urakoze gutega amatwi ikiganiro cy'uyu munsi, ubutaha ningaruka nzakubwira ibizabaho ku mpera y'ingoma y'imyaka igihumbi.

Zirikana aya magambo Umwami yavuze, agira ati; "dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo"